**ITEGANYAGIHE RY'IGIHEMBWE CY'ITUMBA WERURWE-MATA-GICURASI 2022, N°60**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza abaturarwanda bose ko:

- Muri rusange imvura y'Itumba (Werurwe – Mata- Gicurasi) 2022 iteganyijwe, ari imvura ingana n'isanzwe igwa mu bihe byiza mu bice byinshi by'igihugu;
- By'umwihariko hateganyijwe imvura iziyongera gato mu ntara y'Iburasirazuba igice kinini cy'intara y'Amajyaruguru no mu majyepfo y'Intara y'Iburengerazuba,

Imvura iteganyijwe izaterwa ahanini n'ubushyuhe bwo mu Nyanja ngari iya Pasifika n'iy'Abahinde buteganyijwe kuba ari ubushyuhe busanzwe muri iki gihembwe cy'Itumba 2022.


**Ingano y'imvura iteganyijwe mu gihembwe cy'Itumba hashingiwe ku miterere ya buri karere:**


- **Imvura iri hagati ya milimetero 300 na 400** iteganyijwe mu ntara y'Iburasirazuba mu turere twa Nyagatare, Gatsibo no mu majyaruguru y'uburasirazuba bw'akarere ka Kayonza.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 400 na 500** iteganyijwe mu mujyi wa Kigali, mu ntara y'Iburasirazuba mu turere twa Bugesera, Kirehe, Ngoma, Rwamagana, mu majyepfo y'uburengerazuba bw'akarere ka Gatsibo ndetse no mu majyepfo no mu burengerazuba by'Akarere ka Kayonza. Iyi mvura iteganyijwe kandi mu ntara y'Amajyepfo mu turere twa Muhanga, Kamonyi, Ruhango, Nyanza, Huye, Gisagara no mu burasirazuba bw'uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru, mu ntara y'Iburengerazuba mu turere twa Karongi, Ngororero, Rutsiro, igice kinini cy'akarere ka Rubavu n'agace gato k'amajyaruguru y'akarere ka Nyamasheke, ndetse no mu majyepfo y'uturere twa Gakenke, Rulindo na Gicumbi two mu ntara y'Amajyaruguru.


- **Imvura iri hagati ya milimetero 500 na 600** iteganyijwe mu bice bya Pariki y'Igihugu ya Nyungwe cyane cyane mu burengerazuba bw'uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru two mu ntara y'Amajyepfo, mu turere twa Rusizi, Nyamasheke, Nyabihu, mu majyaruguru y'uburasirazuba bw' akarere ka Rubavu mu ntara y'Amajyaruguru mu turere twa Musanze na Burera no mu majyaruguru y'uturere twa Gicumbi, Rulindo na Gakenke.

P.O Box 898 KIGALI | E-mail:info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free: 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda


IMVURA ITEGANYIJWE MU ITUMBA 2022
N
Nyagatare
Burera
Musanze
Rubavu
Nyabihu
Gakenke
Gicumbi
Gatsibo
Rulindo
Rutsiro
Ngororero
Gasabo
Kayonza
Muhanga
Kamonyi
Nyarugenge
Kicukiro
Rwamagana
Lake_Kivu
Karongi
Ruhango
Bugesera
Ngoma
Kirehe
Nyamasheke
Nyanza
Nyamagabe
Huye
Rusizi
Gisagara
Nyaruguru
Imvura (mm)
500-600
400-500
300-400
0 15 30 60 90 120
Km


Itangira ry'Imvura y'Itumba 2022
N
Nyagatare
Burera
Musanze
Gicumbi
Rubavu
Nyabihu
Gatsibo
Gakenke
Rulindo
Kayonza
Ngororero
Rutsiro
Gasabo
Muhanga
Kamonyi
Nyarugenge
Kicukiro
Rwamagana
Karongi
Lake_Kivu
Ruhango
Bugesera
Ngoma
Kirehe
Nyanza
Nyamasheke
Nyamagabe
Huye
Rusizi
Gisagara
Nyaruguru
Itangira ry'Imvura
1-10 Gashyantare 2022
0 15 30 60 90 120
Km

Rwanda Meteorology Agency




**Itangira ry'imvura y'Itumba 2022 n'igihe izacikira**

- Mu gihe cy'Urugaryi habonetse imvura mu gihugu hose, iteganyagihe ry'imvura y'Itumba riragaragaza ko iyo mvura ikomeza, niyo mpamvu bigaragara ku ikarita ko itangira ry'imvura ari hagati y'italiki ya 1 n'iya 10 Gashyantare 2022.

- Ahenshi mu gihugu hateganyijwe ko imvura izacika hagati ya tariki 21 na 31 Gicurasi 2022, naho mu ntara y'Iburengerazuba, mu majyaruguru y'iburengerazuba no mu majyepfo y'iburengerazuba bw'igihugu hateganyijwe ko imvura izacika nyuma hagati y'itariki ya 1 na tariki ya 10 Kamena 2022.

**Ubujyanama:**

Dushingiye kuri iri teganyagihe ry'igihembwe cy'Itumba 2022 (Igihembwe cy'Ihinga 2022B) abafatanyabikorwa mu buhinzi barashishikarizwa gukomeza imirimo y'ihinga, no kurwanya isuri mu mirima.



RWANDA METEOROLOGY AGENCY · METEO RWANDA

**Imvura iteganyijwe muri milimetero, igihe izatangirira n'igihe izacikira**

| Intara | Akarere | Imvura iteganyijwe (mm) | Itangira ry'imvura | Icika ry'imvura |
|---|---|---|---|---|
| Umujyi wa Kigali | Nyarugenge | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Gasabo | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Kicukiro | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| Intara y'Amajyaruguru | Musanze | 500-600 | 1-10 Gashyantare | 1 – 10 Kamena |
| | Burera | 500-600 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Amajyaruguru ya Gicumbi | 500-600 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Amajyepfo ya Gicumbi | 400-500 | | |
| | Amajyaruguru ya Rulindo | 500-600 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Amajyepfo ya Rulindo | 400-500 | | |
| | Amajyaruguru ya Gakenke | 500-600 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Amajyepfo ya Gakenke | 400-600 | | |
| Intara y'Amajyepfo | Kamonyi | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Muhanga | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi 1-10 Kamena igice cy'iburengerazuba |
| | Ruhango | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi igice cy'iburengerazuba |
| | Nyanza | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi igice cy'iburengerazuba |
| | Huye | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi igice cy'iburengerazuba |
| | Gisagara | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Amajyepfo n'Iburasirazuba bwa Nyamagabe | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 1 – 10 Kamena |
| | Amajyaruguru n'Iburengerazuba bwa Nyamagabe | 500-600 | | |
| | Uburasirazuba | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | bwa Nyaruguru | | | igice cy'iburasurazuba 1 – 10 Kamena |
| | Uburengerazuba bwa Nyaruguru | 500-600 | | |
| Intara y'Iburasirazuba | Bugesera | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Rwamagana | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Amajyepfo n'Iburengerazuba bwa Kayonza | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Amajyaruguru n'Iburasirazuba bwa Kayonza | 300-400 | | |
| | Ngoma | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Kirehe | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Amajyaruguru y'Iburasirazuba bwa Gatsibo | 300-400 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| | Amajyepfo y'Iburengerazuba bwa Gatsibo | 400-500 | | |
| | Nyagatare | 300-400 | 1-10 Gashyantare | 21-31 Gicurasi |
| Intara y'Iburengerazuba | Amajyepfo y'iburengerazuba bwa Nyabihu | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 1 – 10 Kamena |
| | Ahenshi muri Nyabihu | 500-600 | | |
| | Amajyaruguru y'iburengerazuba bwa Rubavu | 500-600 | 1-10 Gashyantare | 1 – 10 Kamena |
| | Ahenshi muri Rubavu | 400-500 | | |
| | Rutsiro | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 1 – 10 Kamena |
| | Karongi | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 1 – 10 Kamena |
| | Ngororero | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 1 – 10 Kamena |
| | Amajyaruguru ya Nyamasheke | 400-500 | 1-10 Gashyantare | 1 – 10 Kamena |
| | Ahenshi muri Nyamasheke | 500-600 | | |
| | Rusizi | 500-600 | 1-10 Gashyantare | 1 – 10 Kamena |

P.O Box 898 KIGALI | E-mail:info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Tollfree: 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda

Rwanda Meteorology Agency

## INGARUKA ZISHOBORA GUTERWA N'IMVURA ITEGANYIWE MU GIHEMBWE CY' ITUMBA RYA 2022

Nk'uko bimaze kugaragazwa muri iri teganyagihe ry'i gihembwe cy'Itumba 2022 aho imvura iziyongera hashobora kuzaboneka ibiza birimo imyuzure, inkangu, umuyaga mwinshi, urubura, inkuba ndetse n'indwara zituruka ku mvura nyinshi.

Meteo Rwanda irashishikariza inzego zose, zaba iza Leta, imiryango itari iya Leta n'inzego z'abikorera zifite mu nshingano zazo ubuhinzi, ubuzima, ibikorwaremezo no gukumira ibiza, gufata ingamba zijyanye no guhangana ndetse no gukumira ibiza bituruka ku mvura. Abaturarwanda bose nabo barashishikarizwa kwirinda ingaruka zaterwa n'imvura nyinshi cyane cyane ko ubutaka bukaba bumaze kubika amazi menshi aturuka ku mvura nyinshi yabonetse m gihe cy'Urugaryi.

Abakeneye ibindi bisobanuro kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa guhamagara umurongo utishyurwa 6080.

**Icyitonderwa:**

***Iri teganyagihe ryunganirwa n'iry'Ukwezi, iry'Iminsi 10, iry'iminsi 7, iry'iminsi 5, iry'umunsi , iry'amasaha 6 ndetse n'ubujyanama ku iteganyagihe butangwa na Meteo Rwanda.***

Bikorewe Kigali kuwa 17 Gashyantare 2022.

**Aimable GAHIGI**
**Director General**

P.O Box 898 KIGALI | E-mail:info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free: 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda